

“Yazamutse mu ijuru maze
aha abantu impano.”



*Ubuhamya bwite bwa William Branham
k'ukuza kw'impano*

“Yazamutse mu ijuru maze aha abantu impano.”

Ku bijyanye no kuza kw'iyi mpano yo gukiza indwara, nshobora gusa kubatekerereza uko yanjeho. Nizera neza mpamanya n'umutima ndashidikanya ko impano zatoranijwe mbere n'Imana. Abantu benshi ntibizera ugutoranywa mbere, ariko Ibyanditswe byagaragaje ko byinshi mu byabaye muri Bibiriya byari byarateguwe mbere muri gahunda y'Imana. Urugero, ivuka rya Kristo ryari ryateguwe mbere uhereye mu Busitani bwa Edeni. Na none, ahagana mu mwaka wa 712 mbere yo kuza kwa Yohana Umubatiza, Yesaya yabonye uyu maze amugaragaza nk'ijwi ry'urangururira mu butayu. Umuhanuzi Yeremiya yavuze ko ngo mbere y'ukoagirwa urusoro mu nda ya nyina, Imana yari imuzi kandi ko yari yaramugize umuhanuzi ku mahanga. Ni ku bw'iyi mpamvu ikurikira na none nizerako ugutoranywa mbere ari imwe mu nkomoko y'iyi mpano: sinkomoka mu bayoboke b'idini. Ababyeyi banjye ntibari bahuje idini, bityu sinajyaga ku rusengero.

Ubwa mbere ubwo nagiragaigitekerezo ku bijyanye n'ejo hazaza hateganije, nari mfite hafi imyaka irindwi, Nibwo nari ngitangira ishuri mu cyaro, muri mayiro [kilometero] runaka mu majyaruguru ya Jeffersonville, Indiana, aho data yari umushoferi mu muryango ukize. Nahoze nkunda kuroba no guhiga cyane...ndetse no gukizwa kwanjye ntikwabinkuyemo...kandi icyo gicamunsi mu kwa Cyenda bwenda kugoroba abahungu bamwe bari bagiye kuroba ku cyuzi cyuzuyemo amafi, mu gihe jyewe, nari nagiye kuvomera data amazi. Mbabajwe no kubabwira icyo ayo mazi yagombaga gukoreshwa. Data yari umunywi wo mu rwego rwo hejuru, noneho muri icyo gihe yari ari gukora kanyanga, nagombaga mu by'ukuri kumushyira amazi aho yatekeraga,

ngo ayakoreshe muri iryo joro. Mu gihe namanukaga, ntereka utudobo twanjye hasi kugira ngo nduhukire munsu y'igiti akanya gato, ndimo kurira kubera ko ntajyanye n'abandi bana b'abahungu kuroba. Mu gihe nari nicaye aho hafi y'igiti, haje ikintu ntashobora kuzibagirwa. Numvise urusaku nk'urw'umuyaga mu mababi y'igiti, ariko, ndebye hejuru, sinabona amababi anyaganyezwa cyangwa ikimenyetso icyo ari cyo cyose cy'umuyaga. Nakomeje kwicara, ntangara kandi nibaza aho urusaku rwaturukaga, nongeye kurwumva, mpita mfata utudobo twanjye ntangira kuzamuka. Kuri iyi nshuro rwongera kuza, rwumvikana cyane kurusha mbere, maze mpindukiye ngo ndebe icyabaye, mbona ko hejuru mu cya kabiri cy'igiti hasaga n'ahari umuyaga wa serwakira, humvikanamo ijwi rivuga aya magambo ngo: "Ntuzigere na rimwe unywa itabi, ntuzigere na rimwe unywa inzoga, kandi ntuzigere wanduza umubiri wawe mu buryo ubwo ari bwo bwose, kuko ufite umurimo uzakora numara gukura." Nagize ubwoba bwinshi ku buryo nabuze icyo nakora. Nirukankiye mu rugo ntaka, nuko ngwa mu maboko y'umubyeyi wanjye, watekereza ko naba narumwe n'inzoka. Namubwiye ko nari mfite ubwoba gusa, nuko andyamisha ku buriri maze ahamagara umuganga, kuko yatekereje ko mfite ikibazo mu mutwe. Nyamara nshuti zanjye, nzi ko benshi bazanenga iyi nkuru, ariko sinzabazwa ibyo abandi bavugaga... ahubwo nzabazwa ibyanjye bwite. Yagiye atambujije kuzongera kunyura hafi y'icyo giti. Nazengurutse inshuro nyinshi nitegereza, kuko natekereza ko haba hari umuntu wari muri icyo giti. N'ubu ndacyatekereza ko hari umuntu mu giti. Yari Marayika w'Uwitaka, kandi, nyuma hashize imyaka naje guhura na we imbona nkubone mvugana na we.

Nyuma y'ibyumweru bike, nari ndi gukina amabiye hamwe n'umuvandimwe wanjye, ubwo ninjirwagamo n'ukwiyumva kudasanzwe. Nabundamyemunsu y'igiti, nsa n'urota, mbona uruhavu runini rwa serwakira rwambuka umugezi, maze mbona abantu benshi baguye mu mugezi bararohama.

Aho ngaruriye ubwenge, narirukanse njya kubitekerereza umubyeyi wanjye, maze bundi bushya, afata umwanzuro ko nari umwana wataye umutwe. Imyaka makumyabiri n'ibiri nyuma y'aho, ikiraro cy'Umujyi cyubatswe ku mugezi Ohio, wa mubare w'abakozi baguyemo bavuye ku kiraro bararohama. Murabona, ibi bintu ntibyabayeho ku bwo gusenga cyangwa kwifuza, ahubwo byari byarateguwe mbere mu bushake bw'Imana.

Ikintu nk'icyo cyakurikiyeho cyabaye umunsi umwe ubwo najyaga kuvoma ndi kumwe na data hamwe n'undi muntu. Bari bampaye ka kanyanga ko kunywa, ariko kuko nashakaga kwiyereka uwo muntu kugira ngo antize ubwato bwe, nari niteguye gusomaho. Ariko nk'uko uyu munsi mbabwira ukuri, numvise urwo rusaku rwasaga n'urw'ibibabi binyeganyega. Narebye hirya no hino, ariko sinabona byaba ibibabi cyangwa ikimenyetso cy'umuyaga, nongeye gusubiza icupa ku munwa, ndongera numva rwa rusaku, ariko noneho rurangurura cyane. Nafashwe n'ubwoba nka mbere; ndekura rya cupa maze ndahunga mu gihe data we yanyitaga inkoko yanyagiwe. Oh, mbega uko byari bibabaje! Nyuma y'igihe na none nongeye kwitwa inkoko yanyagiwe n'umwana w'umukobwa w'incuti yanjye igihe twaganiraga mubwira ko ntanywa itabi. Ndakajwe n'amagambo ye asesereza, nafashe isegereti kandi ngiye kuyinywa nta kabuza; mpagarikwa na rya jwi nari menyereye, nibwo najugunye ya segereti maze mva aho hantu ndira kuko ntashoboraga kumera nk'abandi basore, mu gihe urungano rwanjye rwansakurizaga mu matwi runkwen. Aha niho ibintu byinshi nk'ibyo byatangiriye kumbaho mu mibereho yanjye. Nahoranaga uko kwiyumva kudasanzwe, ku buryo niyumvishaga ko hari umuntu undi iruhande, cyane iyo nageragezaga kugira icyo ntekereza, cyane cyane igihe nabaga ndi jyeniyine. Mu by'ukuri ni nk'aho nta muntu n'umwe washoboraga kunyumva. Abasore bagenzi banjye nifuzaga kugira nk'inshuti babonaga nta cyo maze kuko ntanywaga itabi kandi sinywe n'inzoga, kandi ko abakobwa bose bajyaga

kubyina, nbye simbigiremo uruhare na ruke, mbese byasaga nk’aho, imibereho yanjye yose, nari intama ibayeho mu buryo bwihariye, nta muntu nagiraga wabasha kunyumva, kuko nanjye ubwanjyesinobanukirwaga. Ariko icyo gihe sinari nzi icyo ahazaza hakomeye hanteganiywe nk’uyu muni.

Ikindi kintu cy’ingenzi cyakurikiyeho cyabaye nibuka cyabaye ubwo nari mfite imyaka hafi cumi n’icyenda. Umugoroba umwe, nari ndimo ngendagenda aho bakorera ibirori ndi kumwe n’abandi basore, nuko ijwi rirampamagara riti: “Vuga, wowe! Ngwino hano!” Narahindukiye, maze mbona umukobwa w’inkumi yicaye mu ihema, wize ibijyanye n’imibumbe n’inyenyeri. Arandembuza, ariko kuko nabonaga asa n’ushaka ko ngira icyo mufasha, naramwegereye. Arambwira ati: “Mbwira, mbese wari uzi ko wavukiye muni y’ikimenyetso ko kandi hari inyenyeri igenda igukurikira? Wavukanye impano.” Birumvikana, bagenzi banjye batangiye kumparabika mu bijyanye no ‘kugira impano,’ nibwo nagerageje gusisibiranya ngira icyo nsubiza uwo mudamu. Maze yongeraho ko nubwo ibyo yari amaze kumbwira bitanshimishije, ko umuni umwe nzasonukirwa amagambo ye. Nagerageje kwivanamo ibyo bintu, nagerageje gukora imirimo itandukanye, ariko sinanyurwa, nimukaga ubutitsa, nageze n’aho ntakaza umugore wanjye ndetse n’umwana wanjye, n’indi mibabaro yose yasaga n’aho irenze iy’umutima w’umuntu ushobora kwihanganira. Nagerageje gushakira amahoro mu binezeza n’ibindi byose watekereza, ariko ni nk’aho hari akanya ka inch icumi [cm 32] hejuru y’urubavu rwa gatanu rw’umubiri w’umubiri w’umuntu, katazigera kuzura keretse Kristo yinjyemo. Byongeye kandi mu gahinda kanjye, nahoraga niyumvamo ukuhaba k’undi muntu hejuru yanjye, ibyo na byo bikanyongerera umubabaro. Bwa nyuma, urukundo nkunda ibyaremwe rwanyoboye aho gukorera akazi ko kurinda inyamaswa muri Leta ya Indiana, ibyo ibyo bigatuma ntembera henshi muri Leta.

Umunsi umwe nari muri bisi yuzuye abantu yerekezagai Henryville, muri Indiana, maze niyumvamo ko hari umuntu wanyitegerezaga, nuko ndahindukira, mpita mpuza amaso n’umugore w’igishongore. Arambwira ati: “Urumva ufite irungu, sibyo?”

Ndamusubiza nti “Oya, mugore”, ndungurukira hanze mu idirishya; njye nibwiye ko yari akuruwe impuzankano ko kandi yashakaga kunganiriza gusa.

Arongerera aravuga ati: “Wenda yashakaga ko nisobanura neza. Ndi uwize ibijyanye n’imibumbe n’iby’inyenyeri.”

“Noneho,” ndatekerezaga nti “na none nkwiriyeye kumva icyo ashaka kuvuga.”

“Ibi ntibigushimishije na gato, sibyo?”

“Yego, mugore, cyane rwose.”

“Muratekerezaga ko nshaka kubabwira ibijyanye n’iyobokamana, sibyo?”

“Simbizi.”

“Uri umunyedini, sibyo?”

“Oya, mugore.”

“Ahari nakubwira ikintu kikwerekeyeho wowe ubwawe. Arambaza ati Uri uw’iburengerazuba, sibyo?”

“Oya, mugore.”

“Eh noneho, kandi, murashaka kujya iburengerazuba.”

“Oh, aho biranyuranye rwose. Nahoraga nifuza kujya iburengerazuba,” niko namusubijeye, ntekerezaga kumureka ngo akomeze avuye kugira ngo mbigeranya n’ibya wawundi wize iby’imibumbe n’inyenyeri yavuze.

Akomeza agira ati “Impamvu y’ibyo ni ukuvuka kwawe.”

Mubazanya amatsiko nti “Ese ni iki uzi ku ivuka ryanjye?”

“Wa musore we, ninkubwira neza igihe wavukiye, uranyizera?”

Ndamusubiza nti “Noneho, kuko ndi umuntu ukunda ibifatika numbwira ukuri, kandi niba umuntu ambwiye ukuri ngomba kukwizera,” Kandi ndacyabyizera – niba ari ukuri, ni ukuri.

Noneho, ntimumbaze uko yabigenje, ariko yambwiye umunota nyakuri navukiyeho. Inyuma yanjye hari umusore w’umusare, maze mbaza uwo mugore niba ashobora na we kumubwira itariki yavukiyeho. Arampakanira, sinasobanukirwa, ariko mubaza impamvu njyewe yambwiye iyanjye tariki ariko akaba atashobora na we kumubwira iye. Ansubiza ko biterwa n’ikimenyetso kingendaho...umutima wanjye urishisha, uwo mwanya mpita nibuka ibyo undi yigeze kumbwira. Yambajije niba umuntu wize ibijyanye n’imibumbe n’inyenyeri yaba yarabimbwiye, musubiza ko nta we, mbeshya uwo mugore.

Arambaza ati: “Hari icyo waba uzi kuri Yesu Kristo?”

“Nzi ko yagombaga kuba ari Umwana w’Imana,” icyo ni cyo cyonyine nashoboye kumubwira.

“Ese hari icyo uzi ku bijyanye n’ivuka rye?...Ni bande baje kumuramya bwa mbere?”

“Abanyabwenge batatu, niba nibuka neza.”

Arakomeza arambaza ati: “Ni iki bari bakurikiye?”

“Ndizera ko ari Inyenyeri.”

“Ni byo. Noneho bagombaga kuba bari abahanga mu by’imibumbe yo mu kirere, kuko bitegerezaga inyenyeri,” arabihamya. “Musore, naganiriye n’abantu bakora muri White House. Hanyuma mburira Perezida Harding ku bijyanye n’urupfu rutunguranye yari guhura na rwo, kandi mfite n’ikindi kintu cyo kukubwira. Wavukiye muni y’inyenyeri runaka kugira ngo uzabe umuntu wuje impano. Ese umuvugabutumwa ntarakubwira ibyo bintu?”

Ndamusubiza nti “Ntaho mpuriye n’abavugabutumwa.”

“Noneho nyumva: Igihe Yesu Kristo yavukaga, abanyabwenge batatu baturutseiburazuba, bari bakurikiye icyo twakwita inyenyeri; ariko mu by’ukuri ni inyenyeri eshatu zahuriye hamwe i Beterehemu, noneho mu guhura kwazo zikora inyenyeri imwe ariyo yahagaze hejuru ya Kristo. Aho ni ho Imana yahereye ko yohereza impano nkuru itari yarigeze yohereza ku isi, Umwana wayo w’ikinege. Igihe abanyabwenge bongeye kugenda, za nyenyeri uko ari eshatu zaritandukanije, kandi kuva ubwo, ntizongeye kongera guhura. Imana ihora igaragariza ibikorwa byayo mu ijuru mbere yo kubigaragariza ku isi, ba banyabwenge batatu bitegerezaga ubuhanuzi bwa Balamu, bwavugaga ko inyenyeri izaturuka kwa Yakobo,” akomeza, ambwira imirongo myinshi ntari nzi, nateze amatwi nitonze, mu gihe yakomezaga kumbwira. “Nyamara, izo nyenyeri ntizongeye guhura na rimwe, ariko, nyuma y’imyaka ibiri cyangwa itatu, zanyuraga mu kirere imwe ku yindi, iteka iyo ibyo byabaga byagaragazaga ko kuva ku ivuka rya Yesu indi mpano runaka yoherejwe ku isi. Mu kuvuka kwanyu, izonyenyeri zarahuye. Iyo nyenyeri yaragukurikiye igihe wuririraga bisii Jeffersonville; nabonye inyenyeri hejuru yawe, kandi sinumva ukuntu ntawabikubwiye mbere.”

Kugira ngo nkureho urujijo rwose, ndaza kugaragaza nyumako kuraguzamutwe wifashishije inyenyeri bihabanye n’Ibyanditswe, kandi ko ari igihamya cy’uko nta mukristo wagombye kubijyamo. (Yesaya 47:13-14). Raporo y’uwo mumenyi w’ iby’inyenyeri ku binjyanye n’inyenyeri ya Kristo n’ubusobanuro bwayo bwihariye ntabwo biri mu Byanditswe. Ariko nk’uko Ibyanditswe bibivuga, Satani ubwe ahamiriza impano y’Imana, ni yo mpamvu mbazaniye ibi biganiriro.

Muri uwo mwanya mushobora gutekereza uko niyumvagangeze aho mviramo, nashimiye uwo mutegarugori maze mva muri bisi. Ariko sinashoboraga kwivanamo

uko kwiyumva kudasanzwe kw'ikintu cyahoraga gisa n'ikingenda hejuru, bigatuma mpora mpangayitse kandi ndakaye, naburaga amahoro iyo abantu banzengurukaga, nyamara kandi nashidikanyaga kubaho mu bwigunge, ntinya ko umuyaga wahuha. "Ibyo byose bishatse kuvuga iki?" Nahoraga nibaza icyo kibazo. Nyuma y'igihe gito nahise nihana ubuzima bwanjye mbwegurira Kristo. (Nanditse incamake y'ubuzima bwanjye mu gatabo nise "Yesu Kristo Uko Yari Ari Ejo, n'Uyu Muni Niko Ari kandi Niko Azahora Iteka Ryose.") Nyuma yo kwihana kwanjye, kwabereye mu kazu gato kari inyuma y'inzu y'iwacu, nagiyeye kuba umuyoboze mu itsinda ry'Ababatisita kandi mba umukuru w'itorero ry'akarere, nimitswe na Dr Roy Davis w'i Jeffersonville. Nyuma yo gukorera mu ihema ibiterane by'ububuyutse byatanze umusaruro, banyubakiye ingando, ruri kugeza ubu mu ihuriro ry' umuhanda wa 8 n'uwa 10, izwi ku izina rya Branham Taberinakulo, kandi imyaka myinshi nagize ibihe byiza nk'umuvugabutumwa: nabatije abantu ibihumbi byinshi kandi nabaye umuhamba wo guhindukira kw'abantu benshi kubw'ubwiza bw'Imana ishoborabyose. Ndetse no muri icyo gihe, nasengeraga abarwayi nkabona ibisubizo byiza n'ubwo ntari nzi icyo ibyo byabaga bisobanuye, kandi, inshuro nyinshi, nagiyeye mbona amayerekwa n'ibindi bintu bidasanzwe byambagaho, ibyo abantu benshi b'i Jeffersonville n'abahaturiyeye bashobora kugenzura. Nshaka kuvuga rimwe muri yo ryihariye: nari ahantu runaka ku muzezi Ohio, mbatiza umubare munini w'abahindukiriye Imana, mu gihe imbaga y'abantu benshi bari bateraniye ku nkombe bitegereza igikorwa Cy'umubatizo. Hari ku gicamunsi hashyushye, kandi aho mu gihe ikirere cyari gitamuruye, inyenyeri nini irabagirana iraza ihagarara hejuru y'aho nari ndi. Benshi muri mwe muraza kwibuka ko mwabisomye mu binyamakuru. Yakomeje kugaragara inshuro nyinshi uhereye icyo gihe. Hashize igihe gito, ubwo nari nyoboye ibiterane mu majoro atatu mu mujyi munini,

hari amagana menshi y'abantu. Umuntu wa mbere nasengeye yari umwana muto wari waranyunyuwe amaguru na mugiga, ku buryo yagendeshaga udutsinsino. Nk'uko gahunda imeze mu materaniro yacu, bese bari bicaye bubitse imitwe, mu cyubahiro, mu gihe nari nteruye umwana mu ntoki kugira ngo musengere, nuko bimbera nk'aho bantunzeho urumuri rwaka cyane. Numvise ntangaye cyane ukuntu abashinzwe kwatsa amatara baba babuze ikinyabupfura bakamurika mu maso, nuko mu gihe naramburaga amaso ntangaye, mbona inyenyeri yo mu ruturuturu ihagaze imbere yanjye! Ndekura wa mwana, cyangwa se ni we wasimbutse yikura mu maboko yanjye... sinashoboye kumenya ibyabaga birimo kuba, kuko numvaga imitsi y'umubiri wanjye yose yari yarabye. Acyikubita hasi amaguru ye yahise amera neza, kandi ku ncuro ye ya mbere mu buzima bwe yahise atangira kugenda neza nk'uko bisanzwe amanuka ava ku gicaniro. Ibyo byateye iteraniro gutangara n'urusaku; nyina w'umwana agwa amarabira; w'umukobwa w'Umunaziriyakazi, wari incuti y'uwo mwana, yarimo acuranga kuri piyano, indirimbo ivuga ngo: "Muganga Mukuru" kandi mu gihe yari abonye igitangaza gikozwe n'Umwami wacu Yesu, yarasimbutse maze ajya kure ya piyano futi cumi n'eshanu [m 4.5], amanitse amaboko, arira kandi asakuza cyane...kandi ndabizi byumvikana nk'ibitizerwa, ariko abantu amagana bashobora kugenzura iki...Iyo piyano ntiyigeze ibura ijwi, ahubwo yakomeje gucuranga iyo ndirimbo. Ibintu byinshi byiza byarabaye. Abantu basaga ibihumbi magana arindwi beguriye Kristo imitima yabo kuri uwo mugoroba. Abenshi muri mwe bari bahari muzabisoma...Imana ibahe umugisha. Ndcyagerageza gukorera Kristo ibyo nshoboye byose.

Ndashaka noneho gutanga ibisobanuro, nsubiza ikibazo gikunze kugaruka. Abavugabutumwa benshi bambajije bati: "Mwene data Branham, mutekereza iki ku bumenyi bw'imibumbe n'inyenyeri? Ese ibyo ukora ubikoreshwa n'imbaraga z'ubwo bumenyi, niba atari byo, kuki washima

ku mugaragaro ibya bariya bazi iby'imibumbe n'inyenyeri ko bahanuye icyo kintu?" Icyo nshobora kuvuga cyose, ni iki: nimumbwire ahantu hamwe ku isi aho imbaraga z'ubumenyi bw'imibumbe n'inyenyeri byo mu kirere zikiza abarwayi. Mu bahanga bose bize iby'ubumenyi bw'imibumbe n'inyenyeri zo mu kirere, abaraguza imitwe, n'abashitsi n'abandi, isi yagize, nimumbwire byibura umwe gusa waba yarigeze guhumura impumyi, akazibura ibipfamatwi, cyangwa agakiza ikiragi kikavuga. Hari uburyo bumwe gusa... Ku bw'Izina rya Yesu Kristo n'Amaraso ye yamenekeye i Karuvari. Ariko igitangaje cyane kuri jye, (haba kera cyangwa muri iyi minsi,) ni ibikorwa nk'iki: igihe impano yari iri mu muvure, abatambyi bari bari mu rusengeru bajya impaka zo kumenya niba ari byo cyangwa se ataribyo ko habaye umuzuko w'abapfuye, mu gihe itsinda ry'abanyabwenge ryaje riturutse kure ribasha kumenya impano y'Imana yohereje ku isi. Ni ko bimeze, ndemeza ko iby'ubumenyi bw'imibumbe n'inyenyeri zo mu kirere bikomoka ku zindi mbaraga, kuko ndetse n'umushukanyi ubwe agomba guhamiriza impano y'Imana. Hatitawe ku cyo abo banyabwenge bari cyo cyose... icyangombwa nuko *bahamirije* impano y'Imana kandi bakaza kumuramya mbere y'abatambyi bari mu Rusengeru. Ni kimwe n'igihe na none Pawulo na Sila bari i Filipi aho abatambyi n'abavugabutumwa babise abatekamutwe babashyira mu nzu y'imbohe, umukobwa waraguzaga umutwe, yasakuzaga abwira abantu ko abo bagabo bari boherejwe n'Imana kugira ngo babamenyeshe inzira y'agakiza. Ese ntibitangaje ukuntu uwo mukobwa w'umujakazi wari ufite umwuka mubi yabashije kumenya imbaraga z'Imana zakoreraga muri Pawulo na Sila, mu gihe abayobozi b'aho bo batigeze babemera. Ese ntibitangaje, kubwo gutanga urundi rugero, rw'uko abantu benshi bavugaga ko Yesu ari Berizeburi, nyamara amadayimoni mu muntu yarasakuje avuga ko bari bazi uwo Yari we... umushukanyi ubwe yaturaga Ubumana bwe, mu gihe Abafarisayo bo bavugaga ko yari umushukanyi. Ni ko bikimeze n'uyu muni, benshi barashidikanya bakanajya

impaka nyinshi ku nyigisho n'imyizerere yabo, bakabuza abantu kujya mu materaniro yo gukiza indwara, mu gihe impano y'Imana ikomeje gukiza hose ku isi, kandi benshi muri bo ntibabizi. Oh, mwebwe bayobozi b'amadini! Ndizera ko Imana izabahumura amaso. Si ukubera ko nagizwe umwikorezi w'iyi mpano; ntaho mpuriye no kuza kwayo... Imana yarayohereje. Igihe abana ba Isiraheri bari muri Egipta, batakaga basaba Umucunguzi, Imana yohereje Malayika wayo kuri Musa. Musa ntacyo yari kuyimaza... ni Malayika w'Imana wakoze umurimo, ni na we wakoze ibitangaza. Musa we yari gusa akanwa ka Malayika w'Imana; kandi n'uyu muni, nanjye ni cyo ndi cyo... gusa akanwa ka Malayika.

Ngomba kubabwira kuri Malayika ndetse no ku kuza kw'impano. Sinzibagirwa urya muni, tariki ya 7 gicurasi 1946...hari mu igihe cyiza cy'umwaka, muri Indiana, aho nakoreraga iminsi yose umurimo wanjye wo kurinda parike. Nari ntashye ngiye gufata ifunguro rya saa sita, ubwo nari ngeze hafi y'inzu nkuramo Masotera yanjye, muri uwo mwanya incuti yanjye iraza insaba ko twajyana i Madison muri ayo masaha ya nyuma ya saa sita. Musobanurira ko ntabishoboye, kubera ko nagombaga ironde; ku nzu, nacyemuni y'igiti, kandi byagaragaraga ko umutwe wa cyo watanyutseburundu. Ni nk'aho hari ikintu cyamanukiyekuri icyo giti, gisa n'inkubi y'umuyaga w'ishuheri... naradandabiranye...baza bansanga...umugore wanjye asohoka mu nzu afite ubwoba, n'uko ambaza icya baye. Ngerageje gutuza, naricaye, ndamubwira ko hashize imyaka makumyabiri irenga numva ibyiyumvo bimpata, kandi ko noneho igihe cyari kigeze cyo gusobanukirwa ibyo ari byo, cyangwa sinzagaruke ukundi. Igihe cyo gufata icyemezo cyari kigeze. Naramusezeye we n'umwana wanjye, kandi muburira ko nintagaruka mu minsi mike, atazigera anshaka. Kandi murebe, basomyi bakundwa, agace k'amateka k'ubwiru gafitanye isano n'uko gukira indwara, noneho usome witonze uri mu mwuka w'amasengesho. Muri icyo gicamuni nagiyeye

ahantu h'ibanga gusenga no gusoma Bibiliya yanjye. Ninjira mu mwuka cyane w'isengesho; ni nk'aho ubugingo bwanyje bwendaga kumvamo. Natakiye Imana. . . ndubama. Nuburira amaso yanjyeku Mana maze ndayitakambira nti: “Niba ushaka kumbabarira uburyo nitwaye, nzagerageza kwitwara neza kurushaho. . . Mbabajwe n'uko ntitaye neza ku murimo washakaga ko nkora iyi myaka yose. . . Mana, wamvugisha mu buryo runaka? Utamfashije sinshobora gukomeza.” Nuko, nko mu ma saa kumi n'imwe z'umugoroba, ndekera aho gusenga maze ndicara, nuko mbona urumuri rutambagiramu cyumba. Ntekereza ko ari umuntu uje ufite itoroshi, nuko ndebera mu idirishya, ariko nta muntu wari uhari, maze ndebye inyuma mbona rwa rumuri rugenda rusakara rugana hasi. Nyamara, ndabizi ko ibi muribubibone nk'ibidasanzwe, nk'uko nanjye byangendekeye, ariko mwibuke, mugomba kubyizera, kuko kuri byo ariho hashingiye gukira indwara kwanyu, nk'uko muzabibona mu bihe biri imbere. Mu by'ukuri, igihe nabonaga urumuri rusakara, nahinze umushyitsi nuko ndicara, ariko, nubuye amaso, mbona ya nyeyeri nini iri aho, mu kirere. Gusa ntiyari ifite amahembe atanu nk'inyenyeri, yari ifite ishusho y'umubumbe w'umuriro cyangwa se urumuri rubonesha hasi. Muri uwo mwanya, numva umuntu ugendagenda, ndongera ndikanga, kuko nari nzi neza ko ntawundi muntu uretse njye njyenyine washoboraga kuza aho hantu. Nuko mbona muri rwa rumuri hasohotsemo ibirenge by'umuntu, aza ansanga mu buryo busanzwe nk'uko namwe mwaza munsanga. Yasagan'umuntu upima amapawundi 200 [kg 90,718], yari yambaye ikanzu yera, yari afite isura inyerera, nta bwana yari afite, yari afite imisatsi y'ikigina imutendera ku ntugu, yari afite uruhu rwijimye n'akanyamuneza mu maso, maze aza anyegera, duhuza amaso, kandi abonye ukuntu nari mfite ubwoba, atangira kumvugisha. Ati “Witinya. Ntumwe n'Imana Ishobora byose kugira ngo nkubwire ko ubuzima bwawe bwihariye n'inzira zawe zitumvikana byari ibyo kwerekana ko Imana yagutumye gutwara impano

yo gukiza indwara abatuye isi. NUBA UMUNYAKURI KANDI UKEMEZA ABANTU, NTA KINTU NA KIMWE KIZANESHA AMASENGESHO YAWE, YEWE HABE NA KANSERI.” Nta magambo yasobanura uko nahise numva merewe. Yambwiye ibintu byinshi ntashobora kuvugirahano, bitewe n’umwanya. Yambwiye ko nzajya nsuzuma indwara z’abantu nkabasha kuzimenya binyuze mu gutigiswa nzajya ngira mu kiganza. Aragenda, ariko nakomeje kujya mubona incuro nyinshi kuva icyo gihe. Yambonekeye inshuro imwe cyangwa ebyiri mu mezi atandatu ashize, kandi aramvugisha. Ku neuro nyinshi, yabonekaga mu buryo bugaragara, n’igihe habaga hari abandi bantu. Sinzi uwo ari we, nzi gusa ko ari intumwa Imana inyohereza.

Si ngombwa kuvuga, ko natangiye gusengera abarwayi. Simvuga ko nsimbura umuganga...ntekereza ko Imana yashyizeho abaganga kugira ngo bafashe ibyarenwe, ariko nabo ni abantu buntu...Imana Ishobora byose. Ibikomeye byabayeho bitarondoreka muri aya mezi makumyabiri na kumwe ashize ni byinshi cyane ku buryo bitashora gushyirwa mu nyandiko, ariko incuro nyinshi nyinshi Imana yahamirije amagambo ya Malayika. Ibipfamatwi, ibiragi, impumyi, n’izindi ndwara zose barakize, kandi ubuhamyi bw’inshi cyane bwaravuzwe kugeza uyu muni. Nta mbaraga mfite zanjye bwite mu gukora ibi...ndi umuntu gusa w’umunyantege nke kugeza ubwo niyumvamo ko ahageze. Benshi babashije kuba mu materaniro barabizi: indwara ndetse n’ibyaha bari bafite byahishuriwe ku ruhimi ako kanya. Musomyi mukundwa, ndagusabye ngo ntusobanure nabi ubu buryo buciye bugufi ngeragezamo kubamenyesha ibi byose. Niba mbivuze, ni ukugira ngo musobanukirwe uburyo mwakungukirwa n’impano y’Imana. Yambwiye kuba umunyakuri no kugarura abantu ku kwizera, kandi ibyo nibyo nshaka gukora. Nimwibuke, ntanarimwe dushidikanya ubushobozi bw’Imana, kuko tuzi koishobora byose; ariko igiteye ikibazo, ni iyo bibaye ngombwa ko ikiremwa muntu kigarurirwa kwizera

ikindi. Iteka Imana iba ifite ikintu runaka cyangwa se umuntu runaka ishobora gukoreramo, kandi nje ndi igikoreso gusa ikoresha. Nta muntu upfa ushobora kwihandagaza k oar we ukora ibitangaza, kandi ndi umuntu upfa, nta kindi kirenze icyo. Ntabwo nzi ari mu gihe kingana iki na none Imana izabinyemereraariko, ku bw'ubuntu bwayo, nzitangira kuyikorera uko nshoboye kose, nkorera abantu bayo mu gihe cyose ikintije ubuzima.

Mu gusoza, ndabwira mwebwe abashaka gukirira indwara muri aya materaniro. Munyemerere mbabwire iyi mironko ibiri ngenderwaho, iyo muri bukurikize niba mu by'ukuri mushaka kubona icyo mwasabye Imana.

1. Mugomba kwizera amagambo y'ubuhamya bwanjye, kandi mukizera ko iyi Mpano yo Gukiza indwara, yatanzwe n'Umwani Yesu Kristo, ari igikoresho Imana yatanze kubwo gukira indwara kwanyu.

2. Musezeranye n'imitima yanyu yose kubaho ku bw'Imana, igihe cyose gisigaye cy'ubuzima bwanyu.

KINYARWANDA

©2015 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.

www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org